# 367: Yesu ndakwitabye

1. Yesu ndakwitabye,—Ntakwiriye : Imbabazi zawe—Zirantinyuye.Mfit' ibicumuro—Byuzuye muri jye;Niringiye gusa—Ko wampfiriye.

2. Ibyo nacumuye—Ndabyihannye. Kand' uko ndi kose—Simbiguhishe.Nuk' unyuhagize—Amaraso yawe,Nyogemo, ntungane,—Ico rimvemo.

3. Mwami, mbabarira;—Ndakwizeye. Nkwikubis' imbere;—Ndakwiringiye. Amaraso yawe—Y'Umwana w'intama Anyoz' antembeho,—Anyeze dede !

4. Nuko, ndanezerwa;—Mb' amahoro; Njyana n'Uwo nkunda,—Ntaramubona;Itek' uko ntewe—N'iby'isi n'ibyaha. Negamira Yesu,— Bikanesheka.

Visit us at indirimbo.com